Rwanda Athletics Federation

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE IDASANZWE Y'ISHYIRAHAMWE RY'IMIKINO NGORORAMUBILI YO KUWA 19 UKUBOZA 2020**

I. **AHO INAMA YABEREYE**: Icyumba cy'inama cya minisiteri ya siporo

II. **IGIHE:** **10:00 – 12: 00**

III. **ABITABIRIYE INAMA**

| NO | AMAZINA | URWEGO | ICYO ASHINZWE | CONTACT |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Me. MUBILIGI Fidèle | RAF | President | ruganintwalij@gmail.com |
| 2 | UMUTANGANA Olivier | RAF | SG | olipivot@yahoo.fr |
| 3 | TABARUKA Dieudonne | RAF | Treasurer | tabarukad@gmail.com |
| 4 | USENGA Sandrine | RAF | Advisor | 0783294088 |
| 5 | NDAYISABA Saidi Hamiss | RAF | Audit Commission | ndayisaba@gmail.com |
| 6 | UWAMALIYA Delphine | RAF | Audit Commission | uwadely@gmail.com |
| 7 | NKEZABO J. Damascene | NAS | President | 0783250003 |
| 8 | RUKUNDO Johnson | MOUNTAIN | President | rukujohn@yahoo.com |
| 9 | KAYITSINGA ALEXANDRE | APR | Club Manager | akayitsinga@gmail.com |
| 10 | KAYIRANGA Jean Baptist | RAF | Conflict resolution | kayibatiste@gmail.com |
| 11 | RUTAGENGWA Oswald | RAF | Electoral Committee | rutagengwao@gmail.com |
| 12 | Brother Camille Rudasingwa Karemera | Rwamagana AC | President | rudasingwacamille@gmail.com |
| 13 | BIZIMANA Manasseh | Nyaruguru Ac | President | bizimanase@gmail.com |
| 14 | BIGIRIMANA Anastase | Rutsiro A.C | President | 0783223090 |
| 15 | INGABILE Alice | RAF | Electoral Committee | 0788698760 |
| 16 | NDAGIJIMANA Van Donatien | NYAMASHEKE AC | Committee Member | olgasolado@gmail.com |
| 17 | KIMENYI Theodore | Huye A.C | President | Kimthwo70@yahoo.fr |
| 18 | HIRWA Isaie | Kavumu A.C | President | Hirwaisaie5@gmail.com |

Amahoro National Stadium
B.P. 2568 Kigali – Rwanda
E-mail: rwa@mf.worldathletics.org
Tel: (+250) 788304516 President

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 19 | NDACYAYISENGA Jean Pierre | RAF | Technical Director | Coach2020a@gmail.com |
| 20 | KAJUGA Thomas | SEC | President | 0788508184 |
| 21 | Brother Innocent AKIMANA | MUHANGA | President | 0782202232 |
| 22 | NDEKEZI Omere | Huye | Candidate | 0788303508 |
| 23 | Ange Doriane NTUBABARE | Muhanga | Candidate | 0788685053 |
| 24 | NZIGIYE Joas | Nyaruguru | Candidate | 0788210602 |

## IV. INGINGO Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO

1. **IJAMBO RY'IKAZE**
2. **AMATORA YABA VISI PEREZIDA**
3. **GUSOZA**

## V. UKO INGINGO ZASUZUMWE

| N0 | INGINGO/INCAMAKE | IMYANZURO |
|---|---|---|
| 1 | **IJAMBO RY'IKAZE** | |
| | Mu cyumba cy' inama byari bimaze kuba saa yine za mugitondo, umunyabanga mukuru w' Ishyirahamwe ry' Imikino ngororamubili mu Rwanda Bwana UMUTANGANA Olivier yatangiye asuhuza abitabiriye inama, anagaragaza ko mu makipe cumi n' abili yose yari yatumiwe, hitabiriye amakipe cumi n' imwe, ikipe ya Vision jeunesse Nouvelle akaba ariyo ititabiriye inteko, biryo atangaza ko ubwitabire buhagije kugirango inteko ibe, bityo aha umwanya perezida wa RAF ngo ahe ikaze abari mu cyumba cy' inama, Me. Fidele MUBILIGI Perezida w' ishyirahamwe ry' Imikino ngororamubili yatangiye ashimira cyane abitabiriye inteko rusange idasanzwe, ati "iki n' ikimenyetso kigaragaza ko twese dufite | |

Amahoro National Stadium
B.P. 2568 Kigali – Rwanda
E-mail: rwa@mf.worldathletics.org
Tel: (+250) 788304516 President

inyota n' umurava wo guteza imbere imikino ngororamubili mu Rwanda" yakomeje avugako inteko idasanzwe y' uyumunsi yatumijwe hashingiwe kuri sitatu ya RAF nkuko yavuguruwe kuwa 31 Ukwakira 2020, bityo imyanya yaba visi perezida yemejwe ikaba yagombaga gutorerwa kugirango RAF ikomeze kwihutisha iterambere ry' umukino wayo. Ati " Tugiye kwinjira mu mwanya w' Amatora, nizera ko aza kurangwa n' umutuzo" yasoje yongera gushimira abitabiriye inteko n' abayiteguye bose aha umwanya abagize inteko itoresha kugirango bakomeze ingingo ikurikiraho yo kuyobora amatora.

**2 AMATORA KU MYANYA Y' ABA VISI PEREZIDA**

Bwana RUTAGENGWA Oswald, ukuriye akanama gashinzwe amatora mu ishyirahamwe ry' Imikino ngororamubili mu Rwanda, yatangiye ashimira perezida wa RAF, nabitabiriye inama bose akomeza asobanura mu magambo arambuye uko igikorwa cy' amatora cyiza kugenda, uko impapuro z' itora ziteye nuburyo ziza gukoreshwa, anamenyesha ko buri mu candida aza kwamamazwa nuhagarariye ikipe yamutanzeho umu candida, mu gihe cy' iminota itanu, amaze gusobanura ishingiro ry' aya matora n' amabwiriza agenga amatora, umunyamabanga wa Komisiyo y' Amatora yashyikirije abayobozi b' Amakipe impapuro z' itora, na lisiti iriho amazina yombi y' abakandida n' imyanya biyamamarijeho.

Hakurikiyeho kuvuga ibigwi byabakandida, bikozwe namakipe yabatanze ho abakandida, abakandida bamamajwe akaba araba bakurikira:

| **UMUKANDIDA** | UMWANYA YAMAMAJWEHO | IKIPE YAMWAMAM |
|---|---|---|
| **Teta NDEJURU** | Visi-perezida mukuru ushinzwe ubutwererane na porogaramu | Rutsiro athletics organization |
| **NZIGIYE Joas** | Visi perezida ushinzwe amarushanwa n' Iterambere | Nyaruguru Athletics |
| **NDEKEZI Omèr** | Visi perezida ushinzwe amarushanwa n' Iterambere | Huye Athletics Club |

| | | |
|---|---|---|
| **Ange Doriane NTUBABARE** | Visi Perezida ushinzwe Ubuyobozi n' Imari | Muhanga Athletics Club |

nyuma hakurikiraho amatora aho buri muyobozi w' ikipe yandikaga ku rupapuro abo atoye akaruzinga akarushyikiriza umunyamabanga wa Komisiyo y' amatora, uyu nawe amaze kuzikusanya zose hakurikiyeho kubarura amajwi maze haza gutangazwa ibyayavuyemo kuburyo bukurikira.

**IBARURA RY' AMAJWI**

| UMUKANDIDA | IBARURA RY' AMAJWI | IGITERANYO CY' AMAJWI |
|---|---|---|
| **Teta NDEJURU** | I I I I I I I I I I | 10 |
| **NZIGIYE Joas** | I I | 2 |
| **NDEKEZI Omèr** | I I I I I I I I I | 9 |
| **Ange Doriane NTUBABARE** | I I I I I I I I I I | 10 |

Nnyuma yo kubarura amajwi **Bwana Oswald RUTAGENGWA** Akaba yatangaje abatsinze amatora aribo:

**1. Teta NDEJURU** ku mwanya wa Visi-perezida mukuru ushinzwe ubutwererane na porogaramu

**2. Ange Doriane NTUBABARE** ku mwanya wa Visi Perezida ushinzwe Ubuyobozi n' Imari

Amahoro National Stadium
B.P. 2568 Kigali – Rwanda
E-mail: rwa@mf.worldathletics.org
Tel: (+250) 788304516 President

| | |
|---|---|
| | 3. **NDEKEZI Omèr** Ku mwanya wa Visi perezida ushinzwe amarushanwa n' Iterambere<br><br>Umuyobozi w' amatora yasoje yongera gushimira cyane abayobozi b' amakipe kuruhare rukomeye bagize mu migendekere myiza y' amatora, ati kandi turabashimira ku cyizere mwatugiriye cyo kudushinga inshingano nkizi zikomeye, asoza asubiza umwanya Perezida wa RAF. |
| 3 | **IBINDI** |
| | Ubwo amatora yarasoje, Bwana Oswald RUTAGENGWA wari ukuriye akanama gashinzwe amatora yongeye gushimira umuryango wa RAF kubufatanye no mu kuborohereza inshingano byaranze ikipe yose ya RAF anaboneraho kubamenyesha ko Komisiyo y' Amatora isoje inshingano yari yarahawe n' Inteko rusange.<br><br>Perezida wa RAF nawe yashimye komisiyo y' Amatora ku bwitange n' umurava byabaranze mu myiteguro no mu migendekere myiza y' Amatora mu buryo bw' ikinyamwuga, Perezida yakomeje amenyesha Abagize inteko rusange y' umuryango wa RAF ko Akanama Nkemurampaka muri RAF kasoje nako manda yako, bityo asaba ko bakwongererwa umwaka umwa kugirango bazasoreze inshingano zabo rimwe na Komite ya RAF isanzweho, bityo amatora yizo nzego zombie azategurirwe hamwe, Ubusabe bwemewe nabagize inteko ya RAF bose bityo komite Nkemurampaka muri RAF ikazakomeza inshingano zayo kugera mu mpera z' umwaka utaha wa 2021. |
| 4 | **GUSOZA** |
| | Mu ijambo rye risoza, Perezida wa RAF yashimiye cyane akanama gashinzwe amatora ku bunyamwuga bwabaranze mu mitegurire y' aya matora, anashima abayobozi b' amakipe kuruhare rukomeye bagize ngo izi mpinduka zigerweho akomeza abizeza ko ntakaza urugendo rwo guteza imbere imikino ngororamubili mu Rwanda rukomeje kwongera umuvuduko ko kandi ntakizaruhagarika, yakomeje aha ikaze abamaze gutorerwa inshingano |

| | |
|---|---|
| | nshya, abizeza ubufatanye mu kugera ku nshingano zabo.<br><br>Inteko idasanzwe yasojwe hafatwa amafoto y' Urwibutso . |

**Kigali, 19 Ukuboza 2020**

Umwanditsi w'inama: Umuyobozi w'inama:

**UMUTANGANA Olivier**
**Umunyamabanga Mukuru**

**Me Fidèle MUBILIGI**
**Perezida**